| <b>19. Umuntu:</b> isosiyete, ikigo cyangwa umuntu ku giti cye uri mu bucuruzi bwa gazi;   | <b>19. Person:</b> include company, entity or individual person involved in LPG business;  | <b>19. Personne :</b> une société, une entité ou une personne physique impliquée dans le commerce de GPL ;   |
| <b>20. Inyubako:</b> inyubako yose iri ku butaka cyangwa imodoka ibikwamo gazi;  | <b>20. Premises:</b> include any installation on land or vehicle storing LPG;  | <b>20. Locaux :</b> toute installation sur terrain ou tout véhicule stockant du GPL ;  |
| <b>21. Urwego Ngenzuramikorere:</b> Urwego   | <b>21. Regulatory Authority:</b> Rwanda  | <b>21. Autorité de Régulation :</b> Autorité   |



- |   |   |  |
|---|---|--|
| <p>rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro;</p>   | <p>Utilities Regulatory Authority;</p>  | <p>Rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique ;</p>   |
| <p><b>22. Kwemeza bundi bushya:</b> uburyo icupa rigenzurwa hakurikijwe amabwiriza y'ubuziranenge y'u Rwanda kugira ngo icupa ryongere risuzumwe ngo hagaragazwe niba ryakwemerwa ngo rikoreshewe kandi rikwirakwizwe;</p>  | <p><b>22. Re-validation:</b> the method or procedure by which a cylinder is subjected to periodic inspection in accordance with the Rwanda Standard for cylinder re-qualification to determine its acceptability for continuous use and distribution;</p> | <p><b>22. Revalidation :</b> méthode ou procédure par laquelle une bouteille est soumise à une inspection périodique conformément aux normes nationales pour la requalification d'une bouteille afin de déterminer son acceptabilité en vue de son utilisation et de sa distribution continues ;</p> |
| <p><b>23. Kudandaza:</b> kugurisha gazi mu buryo bwo kuranguza cyangwa mu macupa kugira ngo umuguzi ayikoreshereze;</p>   | <p><b>23. Retail:</b> the sale of LPG in bulk or in cylinders to the consumer for their own use;</p>  | <p><b>23. Détail :</b> vente de GPL en gros ou en bouteilles au consommateur pour son propre usage ;</p>   |
| <p><b>24. Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge:</b> ikigo cy'igihugu gishinzwe gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge (RSB);</p>   | <p><b>24. Rwanda Standard Board:</b> National institution in charge of standards development (RSB);</p>   | <p><b>24. Office Rwandais de Normalisation :</b> institution nationale chargée de l'élaboration des normes (RSB) ;</p>   |
| <p><b>25. RS:</b> Ni ibwiriza ry'ubuziranenge ry'u Rwanda, akaba ari ibisabwa cyangwa ikimenyetso byashyizweho n'Ikigo cy'Igihugu gitsura ubuziranenge;</p>   | <p><b>25. RS:</b> Rwanda Standard, which is the specification or code of practice declared by the Rwanda Standard Board;</p>  | <p><b>25. RS :</b> Norme du Rwanda, qui est la spécification ou le code de pratique déclaré par l'Office Rwandais de Normalisation ;</p>   |
| <p><b>26. Ubujeni :</b> igipfundikizo kitangirika gishyirwa ku munwa w'icupa ryuzuye, kigashyirwaho na nyiri igicuruzwa cyangwa kigashyirwaho n'undi muntu abihereye uruhushya rwanditse na nyiri igicuruzwa kugira ngo barinde umwimerere wa gazi iri mu icupa ;</p> | <p><b>26. Seal:</b> a tamper proof cover fitted on the valve of a filled cylinder by the brand owner or by a third, party with the brand owner's written authority to maintain the authenticity of the LPG inside the cylinder;</p>                       | <p><b>26. Sceau :</b> couvercle inviolable monté sur la valve d'une bouteille remplie par le propriétaire de la marque ou par une tierce personne ayant l'autorisation écrite du titulaire de la marque pour maintenir l'authenticité du GPL dans la bouteille ;</p>                                 |

- 27. Ugurisha gazi iri mu macupa:** umuntu wese urangaza cyangwa udandaza gazi mu macupa ;
- 28. Ikintu kidakurikije amabwiriza:** ikintu cyose kitubahiriza ibisabwa mu mabwiriza;
- 29. Gutunganya :** kwimura ibigega byo guhunikamo bihari, gushyiraho ibindi bigega byo guhunikamo, gushyiraho aho buzurizamo gazi mu nyubako z'ububiko mu kirundo, gusimbura ibigega byo guhunikamo aho ubushobozi bwose bwo guhunika bwiyoungereye, gusanya cyangwa kubaka uruganda rwose rwa gazi cyangwa inyubako yo guhunikamo mu kirundo aho ubushobozi bwo guhunika bwiyoungereye cyangwa aho inyubako zubatse hahindutse;
- 30. Umuyoboro uhujwe:** umuyoboro uvugwa muri RS 138;
- 31. Urangaza:** umuntu cyangwa urwego rwo hagati mu ruhererekane rwo kugemura gazi isukika ikomoka kuri peteroli ugura gazi nyinshi mu macupa akayigurisha ku badandaza aho kuyigurisha ku bayikoresha.
- 27. Seller of LPG in cylinders:** any wholesaler or retailer of LPG in cylinders;
- 28. Substandard product:** any product which doesn't meet any specification prescribed in relevant standard;
- 29. Upgrade:** the relocation of existing storage tanks, installation of additional storage tanks, installation of filling unit to the bulk storage facility, replacement of storage tanks where there is an increase in total storage capacity, total demolition and rebuilt of an LPG Plant or bulk storage facility where there's either increase in capacity or change of location of the facilities;
- 30. Unified Valve:** the valve specified in RS 138;
- 31. Wholesaler:** an intermediary person or entity in the LPG distribution channel that buys LPG in large quantity in cylinders and sells it to retailers rather than to consumers.
- 27. Vendeur de GPL en bouteilles :** tout grossiste ou détaillant de GPL en bouteilles ;
- 28. Produit non conforme à la norme :** tout produit ne répondant pas aux spécifications prescrites dans la norme pertinente ;
- 29. Amélioration:** le déplacement des réservoirs de stockage existants, l'installation de réservoirs de stockage supplémentaires, l'installation de l'unité de remplissage à l'endroit d'installation de stockage en gros, le remplacement des réservoirs de stockage là où la capacité totale de stockage augmente, la destruction totale et la reconstruction d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros là où il y a soit une augmentation de la capacité soit un changement d'emplacement des installations;
- 30. Soupape unifiée :** la soupape spécifiée dans RS 138 ;
- 31. Grossiste :** une personne ou une entité intermédiaire dans le réseau de distribution de GPL qui achète du GPL en grande quantité en bouteilles et le vend aux détaillants plutôt qu'aux consommateurs.

**Ingingo ya 3: Ibiyerebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba ibikorwa bikurikira:

1. gutumiza gazi mu mahanga;
2. kubaka cyangwa gutunganya uruganda rwa gazi;
3. kubaka ububiko bwa gazi yo kuranguza;
4. kuvugurura ububiko bwa gazi yo kuranguza;
5. ubwikorezi bwa gazi yo kuranguza cyangwa iri mu macupa;
6. kuranguza, kugemura cyangwa kudandaza gazi iri mu macupa;
7. umuyoboro wa gazi mu nyubako zo guturwamo cyangwa iz'ubucuruzi.

**UMUTWE WA II: IBISABWA MU RWEGO RWA TEKINIKI NGO HUBAKWE URUGANDA RWA GAZI**

**Icyiciro cya mbere: Ibisabwa muri rusange ngo hubakwe uruganda rwa gazi**

**Ingingo ya 4: Ahateganyirijwe kubakwa uruganda rwa gazi**

Ikibanza cyose giteganyijwe kubakwamo no gushyirwamo uruganda rwa gazi kigomba kubahiriza ibisabwa n'igishushanyombonera cy'aho hantu, ibisabwa n'itegeko rigenga ibidukikije, urwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire mu Rwanda, n'andi mategeko

**Article 3: Scope of this Regulation**

This Regulation shall apply to the following activities:

1. importation of LPG;
2. installation or upgrade of an LPG plant;
3. installation of a Storage of LPG in Bulk;
4. upgrade of a storage of LPG in Bulk;
5. transportation of LPG in Bulk or Cylinder;
6. wholesale, Distribution or retail of LPG in cylinders; and
7. reticulation of LPG in residential or commercial building.

**CHAPTER II: TECHNICAL REQUIREMENTS FOR AN INSTALLATION OF AN LPG PLANT**

**Section One: General requirements for installation of an LPG Plant**

**Article 4: Location of plot planned for LPG plant**

Any plot planned for construction and installation of an LPG Plant shall comply with the requirements of the master plan of that particular area, the environment law, Rwanda Building Code, and any other applicable laws and standards.

**Article 3: Champ d'application du présent règlement**

Le présent règlement s'applique aux activités suivantes :

1. importation de GPL;
2. Installation ou transformation d'une usine de GP ;
3. installation d'un stockage de GPL en gros;
4. transformation d'un stockage de GPL en gros;
5. transport de GPL en gros ou en bouteille;
6. vente en gros, distribution ou vente au détail de GPL en bouteilles;
7. réticulation du GPL dans un bâtiment résidentiel ou commercial.

**CHAPITRE II : CONDITIONS TECHNIQUES POUR L'INSTALLATION D'UNE USINE DE GPL**

**Section première: Conditions générales pour l'installation d'une usine de GPL**

**Article 4: Emplacement d'une parcelle prévue pour l'usine de GPL**

Tout terrain prévu pour la construction et l'installation d'une usine de GPL doit se conformer aux conditions du plan directeur de cette zone particulière, à la loi sur l'environnement, au Code de construction du Rwanda et à toutes les autres lois et normes en vigueur.

n'amabwiriza akurikizwa.

**Ingingo ya 5: Inyubako zisabwa ngo hubakwe uruganda rwa gazi**

Uruganda rwa gazi rugomba kuba rufite nibura inyubako zikurikira :

- i. ibigega byo guhunikamo;
- ii. ububiko bw'amacupa n'ibindi bikoresho;
- iii. inyubako yo kuzurizamo gazi;
- iv. ibiro;
- v. uburyo bwo kurwanya inkongi y'umuriro;
- vi. aho abakiriya bahagarikamo ibinyabiziga habugenewe;
- vii. ahagarikwamo amakamyo agemura gazi iri mu kirundo.

Iyo uruganda rumaze kubakwa kandi mbere yuko rutangira kugira icyo rukora, inyubako zose zashyizwemo zigenzurwa n'ikigo cyemewe ngo kirebe niba nta hantu hava.

Raporo ku igenzura zigomba gushyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere ngo ruzemeze mbere yuko uruganda rutangira kugira icyo rukora.

**Article 5: Required facilities for an LPG plant**

An LPG plant must have at least the following facilities:

- i. storage tanks;
- ii. warehouse for cylinders and accessories;
- iii. filling unit;
- iv. offices;
- v. fire fighting systems;
- vi. parking yard for customers; and
- vii. parking yard for bulk supply road tankers.

Upon completion of the plant installation, testing of all installed facilities must be carried out by accredited company checking for leakage, prior to any operation.

The tests reports must be submitted to the Regulatory Authority for approval prior any operation.

**Article 5: Installations requises pour une usine de GPL**

Une usine de GPL doit avoir au moins les installations suivantes :

- i. réservoirs de stockage;
- ii. entrepôt pour bouteilles et accessoires;
- iii. unité de remplissage;
- iv. bureaux;
- v. systèmes de lutte contre l'incendie;
- vi. parkings pour les clients; et
- vii. parkings pour les camions-citernes d'approvisionnement en gros.

A la fin de l'installation de l'usine, les essais de toutes les installations doivent, avant toute opération, être effectués par une compagnie accréditée pour vérifier les fuites.

Les rapports d'essais doivent être soumis à l'Autorité de Régulation pour approbation avant toute opération.

**Icyiciro cya 2:** Intera isabwa kuba hagati y'uruganda rwa gazi n'ibikorwaremezo biri hafi yarwo

**Ingingo ya 6:** Intera iba hagati y'uruganda rwa gazi n'imihanda

Intera iba hagati y'inkengero z'uruganda n'imihanda minini yo ku rwego rwa mbere ntigomba kujya muni ya metero makumyabiri n'ebiri (22).

Intera iri hagati y'inkengero z'ikibanza cy'uruganda rwa gazi n'imihanda yo ku rwego rwa 2 y'Akarere n'Umujyi wa Kigali ntigomba kujya muni ya metero cumi n'ebiri (12).

Hatabangamiwe ibivugwa mu gika kibanziriza iki, intera iba hagati y'inkengero z'uruganda rwa gazi n'imihanda yo mu Mujyi wa Kigali no mu yindi mijyi igenwa hakurikijwe urwego rw'umuhanda rwemejwe hakurikijwe igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali cyangwa indi mijyi.

**Ingingo ya 7:** Intera iba hagati y'ibigeza bya gazi n'ububiko bw'amacupa ya gazi kugera ku nkengero z'ibibanza bihegereye

Intera itanga umutekano kugira ngo hubakwe uruganda rwa gazi zigomba kuba nibura intera ivugwa mu mugereka A naho intera itanga umutekano hagati y'ububiko bw'amacupa ya

**Section 2 :** Distances required from An LPG plant to the neighboring infrastructures

**Article 6:** Distance from LPG plant to roads

The distance from a property line of an LPG plant to the median line of the National Roads Class 1 shall be not less than twenty-two (22) meters.

The distance from a property line of an LPG plant to the median line of the District's and City of Kigali Roads class 2 shall be not less than twelve (12) meters.

Without prejudice to paragraph above, the dimensions of the road reserve for City of Kigali and other urban areas must be determined in accordance of the master plan of the City of Kigali or other urban area.

**Article 7:** Distances from bulk storage tanks, cylinders' storage areas to the neighboring property boundaries

The minimum safety distances for LPG plant installation must comply with the distance specified in Annex A While Safety distance for LPG cylinders storage area to the neighbouring

**Section 2:** Distances requises entre une usine de GPL et les infrastructures avoisinantes

**Article 6:** Distance entre une usine de GPL et les routes

La distance entre la limite foncière d'une usine de GPL et la limite médiane des routes nationales de Classe 1 ne doit pas être inférieure à vingt-deux (22) mètres.

La distance entre la limite foncière d'une usine de GPL et la limite médiane des routes de Classe 2 du District et de la Ville de Kigali ne doit pas être inférieure à douze (12) mètres.

Sans préjudice de l'alinéa précédent, les dimensions de la réserve routière de la ville de Kigali et des autres zones urbaines sont déterminées conformément au plan directeur de la ville de Kigali ou d'une autre zone urbaine.

**Article 7:** Distances entre les réservoirs de stockage en gros, les aires de stockage des bouteilles et les limites foncières avoisinantes

La distance de sécurité minimale pour l'installation d'une usine de GPL doit respecter la distance spécifiée dans l'annexe A, tandis que la distance de sécurité pour la zone de stockage des

gazi n'inkengero z'ibibanza bihegereye igomba kubahiriza intera ivugwa mu mugereka B w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 8: Intera iba hagati y'uruganda rwa gazi n'izindi nyubako zo guhunikamo ibintu bishya kandi biturika**

Intera kuva ku nkengero z'ikibanza cy'uruganda rwa gazi kugera ku nkengero z'inyubako zo guhunikamo ibintu bishya igomba kuba nibura metero mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 9: Intera iba hagati y'u ruganda rwa gazi n'insinga z'amashanyarazi**

Umwanya uri hagati y'ibigega bya gazi n'insinga z'amashanyarazi arimo umurimo mwinshi n'umurimo mwinshi cyane ugomba kuba nibura metero cumi n'eshanu (15) kuva ku nsinga z'amashanyarazi za 0,4 KV kugera kuri 220KV na metero makumyabiri (20) kuva ku nsinga za 400 KV.

**Icyiciro cya 3 : Ibisabwa byihariye birebana naho ibinyabiziga bihagarikwa n'inzu zicururizwamo**

**Ingingo ya 10: Ahahagarikwamo ibinyabiziga**

Uruganda rwa gazi rugomba kuba rufite imbuga ihagije ihagarikwamo amakamyi atwara gazi, ndetse rugomba kuba ruri kuri metero eshanu (5) kuva ku bigega bya gazi n'ahuzurizwa gazi kandi

property boundaries must comply with the distance specified in Annex B of this regulation.

**Article 8: LPG plant to other flammable and explosive products storage facilities**

The distance from a property line of an LPG plant to the plot boundaries of storage facilities of other flammable products must be at least thirty (30) meters.

**Article 9: LPG plant to power line**

The horizontal clearance from LPG tanks to the line conductors of the high and medium voltage power line must be at least fifteen (15) meters from power lines of 0.4 KV to 220KV and twenty (20) meters from 400 KV lines.

**Section 3 : Specific requirements with regard to parking yards and other related salerooms**

**Article 10: Parking yards**

An LPG Plant must have a parking yard sufficient to accommodate Bulk Road tankers and be located at five (5) meters away from Bulk storage tanks of LPG filling lines and comply

bouteilles de GPL jusqu'aux limites foncières avoisinantes doit respecter la distance spécifiée dans l'annexe B du présent règlement.

**Article 8 : Distance entre une usine de GPL et d'autres installations de stockage de produits inflammables et explosifs**

La distance entre une limite foncière d'une usine de GPL et les limites des parcelles des installations de stockage d'autres produits inflammables doit être d'au moins trente (30) mètres.

**Article 9: Distance entre une usine de GPL et la ligne électrique**

Le dégagement horizontal entre les réservoirs de GPL et les conducteurs de ligne de haute et moyenne tension doit être d'au moins quinze (15) mètres à partir des lignes électriques de 0,4 KV à 220 KV et de vingt (20) mètres à partir des lignes de 400 KV.

**Section 3: Conditions spécifiques concernant aux parkings et d'autres salles de vente relatives connexes**

**Article 10: Parkings de Stationnement**

Une usine de GPL doit avoir un parking suffisant pour accueillir les camions-citernes, doit être située à cinq (5) mètres des réservoirs de stockage en gros dans la chaîne de remplissage de GPL et

rugomba kubahiriza amabwiriza y'igihugu y'ubuziranenge arebana na RS 135-2.

**Ingingo ya 11: Inyubako z'ibiro**

Inyubako z'ibiro n'izindi nzu zo gucururizamo ku ruganda rwa gazi zigomba kubahiriza ibiteganywa n'Urwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire mu Rwanda.

**Icyiciro cya 4 : Gushyiraho ibikorwaremezo by'uruganda**

**Ingingo ya 12: Gushyiraho ibigega byo guhunikamo**

Ibigega cyo guhunikamo gazi kigomba :

1. kuba gikoze mu cyuma cyoroheje, cyateguwe, kigakorwa kandi kikagenzurwa hakurikijwe amabwiriza y'igihugu y'ubuziranenge RS 135-3, RS 135-4 n'andi mabwiriza yose yakwiyongeraho yemejwe n'Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge;
2. cyubatswe ku butaka cyangwa gitabye mu butaka hakurikijwe RS 135-3.

Iyo ari itsinda ry'ibigega byo guhunikamo :

1. Intera iri hagati y'ibigega byegeranye mu itsinda ry'ibigega igomba kuba kimwe cya kane ( $\frac{1}{4}$ ) cy'igiteranyo

with national standards with regard to RS 135-2.

**Article 11: Office Buildings**

Office buildings and related salerooms at an LPG Plant must comply with provisions of Rwanda Building Code.

**Section 4 : Installation of plant facilities**

**Article 12: Installation of storage tanks**

An LPG storage tank must be:

1. made of mild steel, designed, manufactured, inspected and tested in accordance with national standards RS 135-3, RS 135-4 and any other subsequent standard adopted by Rwanda Standards Board;
2. installed aboveground or Buried in accordance with RS 135-3.

In case of group of storage tanks:

1. the distance between adjacent tanks within a group of tanks must be a quarter ( $\frac{1}{4}$ ) of sum of diameters of adjacent

doit se conformer aux normes nationales concernant la RS 135-2.

**Article 11: Immeubles de bureaux**

Les Immeubles de bureaux et les salles de vente connexes d'une usine de GPL doivent se conformer aux dispositions du Code de construction du Rwanda.

**Section 4: Installation des infrastructures de l'usine**

**Article 12: Installation de réservoirs de stockage**

Un réservoir de stockage de GPL doit être :

1. en acier doux, conçu, fabriqué, inspecté et testé conformément aux normes nationales RS 135-3, RS 135-4 et à toute autre norme ultérieure adoptée par l'Office Rwandais de Normalisation;
2. installé au-dessus du sol ou enfoui sous terre conformément à la RS 135-3.  
En cas de groupe de réservoirs de stockage:
1. la distance entre les citernes adjacentes dans un groupe de citernes doit être égale au quart ( $\frac{1}{4}$ ) de la somme des diamètres des citernes de stockage adjacentes tel

- |  |  |   |
|--|--|---|
| <p>cy'imirambararo y'ibigega byegeranye nk'uko bivugwa muri RS 135-3;</p> <p>2. Ibigega byo guhunikamo mu itsinda iryo ari ryo ryose ntibigomba kurenga bitandatu (6). Ikigega cyo guhunikamo muri buri tsinda kigomba kuba kuri metero 7,5 nibura uvuye ku kigega cya hafi kiri muri rindi tsinda keretse iyo hari urukuta rwo kurinda inkongi y'umuriro rwubatse hagati y'amatsinda ;</p> <p>3. Iyo inkuta zirinda inkongi y'umuriro zubatswe kugira ngo zitandukanye amatsinda y'ibigega, intera iri hagati y'ikigega kiri mu itsinda rimwe n'ikigega cya hafi kiri muri rindi tsinda igomba kuba nibura metero enye (4).</p> | <p>storage tanks as specified in RS 135-3;</p> <p>2. the number of storage tanks in any one group must not exceed six (6). Each storage tank in one group must be 7.5 meters at least from the nearest storage tank in another group unless a fire wall is erected between the groups; and</p> <p>3. when firewalls are used to separate groups of storage tanks, the direct distance from each storage tank in one group to the nearest storage tank in another group must be four (4) meters at least.</p> | <p>que spécifié dans la RS 135-3;</p> <p>2. le nombre de réservoirs de stockage dans un groupe ne doit pas dépasser six (6). Chaque réservoir de stockage d'un groupe doit se situer à 7,5 mètres au moins du réservoir de stockage le plus proche d'un autre groupe, à moins qu'un mur pare-feu ne soit érigé entre les groupes; et</p> <p>3. lorsque des pare-feu sont utilisés pour séparer des groupes de réservoirs de stockage, la distance directe entre chaque réservoir de stockage d'un groupe et le réservoir de stockage le plus proche d'un autre groupe doit être d'au moins quatre (4) mètres.</p> |
|--|--|---|

**Ingingo ya 13: Ibikoresho bigomba gushyirwa ku bigega bihunikwamo**

Ikigega cyose kigomba kuba gifite ibikoresho bikurikira:

1. Imiyoboro ibiri y'ingoboka nibura kandi buri muyoboro ukaba ushamikiye ku mwanya urimo umwuka uri mu gikoresho cyo guhunikamo;
2. Amatiyo atanga umuyaga ari aho imiyoboro isohokera ku bigega bifite igipimo kirenze litiro ibihumbi icyenda (9.000);

**Article 13: Compulsory Devices on storage tanks**

Each storage tank must be equipped with the following devices:

1. two (2) pressure relief valves at least and each of them must have a direct communication with the vapour space of the storage vessel;
2. the vent pipes fitted to the relief valve outlets for storage tanks of capacity exceeding nine thousand (9,000) liters;

**Article 13: Dispositifs obligatoires sur les réservoirs de stockage**

Chaque réservoir de stockage doit être équipé des dispositifs suivants:

1. au moins deux (2) soupapes de sûreté de décompression et chacune d'entre elles doit avoir une communication directe avec l'espace vapeur du récipient de stockage;
2. les tuyaux de ventilation installés sur les sorties des soupapes de sûreté pour les réservoirs de stockage d'une capacité supérieure à neuf mille litres (9 000);



3. Igipimo n'igikoresho kigaragaza urugero ntarengwa ibisukika bigomba kugeraho.	3. Content gauging device and a device indicating the maximum liquid level.	3. dispositif de jaugeage du contenu et dispositif indiquant le niveau de liquide maximum.
<b><u>Ingingo ya 14: Gushyiraho ibikoresho byo kuzurizamo gazi no kuyigenzura</u></b>	<b><u>Article 14: Installation of Filling Unit and testing</u></b>	<b><u>Article 14: Installation d'une station de remplissage et essai</u></b>
Amatiyo, ibikoresho bikwirakwiza gazi cyangwa ingunguru za gazi, ibikoresho byo gupompa gazi, imipira, ibikoresho bigenzura uko gazi yisuka, imiyoboro ijyanye nabyo, iminzani n'ibindi bikoresho byose by'inyubako yo kuzurizamo gazi bigomba gushyirwaho hakurikijwe RS 135-3.	Pipes, dispensers or bullets and pumping units, hoses, nozzles, associated valves, weighing scales and all other equipment of filling unit must be installed in accordance to RS135-3.	Les tuyaux, les distributeurs ou réservoirs de balles ainsi que les unités de pompage, les flexibles, les buses, les vannes associées, les balances et tous les autres équipements de la station de remplissage doivent être installés conformément à la RS 135-3.
Nyuma yo guteranywa, amatiyo agomba kugenzurwa mbere yo gukoreshwa.	After the assembly of pipelines, they be must be tested prior to their usage.	Après l'assemblage des gazoducs, ils doivent être essayés avant leur utilisation.
<b><u>Ingingo ya 15: Ibikoresho byo gutabaza mu gihe habaye inkongi y'umuriro, ibyo guhagarika gazi mu gihe cy'akaga n'ibyo kurinda inkongi y'umuriro</u></b>	<b><u>Article 15: Fire alarm, Emergency shutdown systems and Firefighting systems</u></b>	<b><u>Article 15: Alarme d'incendie, systèmes d'arrêt d'urgence et systèmes de lutte contre l'incendie</u></b>
Uruganda rwa gazi rugomba kugira ibikoresho byo kubuza gazi gukomeza kwisuka mu gihe cy'akaga, impombo n'ibikoresho byo kuzurisha.	An LPG Plant must incorporate an emergency shutdown system to stop the flow of LPG, pumps and filling equipment.	Une usine de GPL doit comprendre un système d'arrêt d'urgence pour arrêter le flux de GPL, les pompes et l'équipement de remplissage.
Ibikoresho byo gutabaza bishobora kugerwaho mu buryo bworoshye byashyizwe ahantu hakwiriye bigomba kuba biri mu bikoresho byo kurinda umutekano w'uruganda.	An alarm system easily accessible at a proper location must be part of the plant safety system.	Un système d'alarme facilement accessible situé dans un emplacement approprié doit faire partie du système de sécurité de l'usine.
Ikigega cyose cyangwa uruganda rwa gazi rwose bigomba kuba bifite uburyo bwo kurinda inkongi	Every Storage facility or LPG plant must be equipped with firefighting protection before its	Chaque installation de stockage ou usine de GPL doit être équipée d'une protection anti-incendie

y'umuriro mbere yuko bitangira gukora kandi bikaba byubahirije Amabwiriza y'Igihugu y'ubuziranenge ku birebana n'ibisabwa biri muri RS 135-3 no mu mbonerahamwe iri ku mugereka wa D w'aya mabwiriza.

**Icyiciro cya 5: Guhagarika imirimo y'uruganda rwa gazi**

**Ingingo ya 16: Uburyo bwo gukuraho ibikoreho**

Gukuraho ibikoreho by'uruganda rwa gazi rutagikora bigomba kumenyeshwa Urwego Ngenzuramikorere mu nyandiko mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'itariki iteganyijweho guhagarika imirimo.

**Ingingo ya 17: Gukuraho ibikoreho by'uruganda rwahagaritse imirimo**

Ibikoreho byose by'uruganda rwahagaritse imirimo bigomba gukurwaho n'uwahawe uruhushya kandi ku mafaranga ye hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga.

**UMUTWE WA III: IMICUNGIRE Y'IBIKORESHO BISHYIRWAMO GAZI**

**Ingingo ya 18: Imicungire y'amacupa**

Amacupa yose ya gazi arimo ubusa agomba gukoreshwa mu bwitonzi kimwe n'amacupa

operational and comply with National Standard with regard to requirements set in RS 135-3 and table set forth in Annex D of this Regulation.

**Section 5 : Decommissioning of LPG plant**

**Article 16: Decommissioning process**

The decommission of an LPG plant that is no longer in operation must be communicated to the Regulatory Authority in writing within fifteen (15) days prior the expected date of decommissioning.

**Article 17: Disposal of decommissioned plant equipment**

Any plant equipment to be decommissioned must be disposed of by the licensee and on his cost in accordance with applicable laws and standards.

**CHAPTER III: MANAGEMENT OF LPG CONTAINERS**

**Article 18: Cylinders management**

All empty LPG Cylinders must be handled with the same precaution as filled cylinders.

avant d'être opérationnelle et être conforme à la norme nationale concernant les conditions spécifiées dans la RS 135-3 et le tableau figurant dans l'annexe D du présent règlement.

**Section 5: Mise hors service d'une usine de GPL**

**Article 16: Processus de mise hors service**

Le mise hors service d'une usine de GPL qui n'est plus opérationnelle doit être communiqué par écrit à l'Autorité de Régulation dans un délai de quinze (15) jours avant la date prévue pour cette activité.

**Article 17: mise au rebut de l'équipement de l'usine déclassée**

Tout équipement d'usine devant être mise hors service doit être mise au rebut par le titulaire de licence et à ses frais conformément aux lois et normes en vigueur.

**CHAPITRE III: GESTION DES RÉCIPIENTS DE GPL**

**Article 18: Gestion des bouteilles**

Toutes les bouteilles vides de GPL doivent être manipulées aussi prudemment que les bouteilles

yuzuye.

Abantu bose bahawe impushya za gazi bagomba kumenya neza ko:

1. imiyoboro ya gazi y'amacupa yose arimo ubusa yakiriwe ngo yuzuzwemo gazi ifunze neza;
2. nta cupa ribitswe rirambitse;
3. amacupa yashyizwe ku tubati dukomeye kandi twabugenewe dukoze mu bikoresho bidashya;
4. amacupa abitse ku butaka cyangwa hejuru yabwo kandi ari nibura kuri metero eshatu (3) kure y'ahantu harangaye harimo ahantu umwuka ushobora kwikusanya nk'inzu zo hasi, imireko, inzira z'amazi na ruhurura;
5. amacupa abitse ku buryo yagerwaho igihe cyose ku buryo bworoshye kugira ngo agenzurwe kandi ko buri gikoresho gishyirwamo gazi gishobora gukurwa aho kiri ku buryo bworoshye;
6. amacupa yuzuye abitse atandukanyijwe n'amacupa arimo ubusa, kandi ko yose abitse ahantu hafite imbago zigaragara neza;
7. nyuma yo kuzuzwa, buri cupa rigenzurwa hakoreshejwe kuripima no kumenya umwanya urimo ubusa kugira ngo

All LPG licensees shall ensure that:

1. the valves of all empty cylinders received for filling are closed properly;
2. no cylinders are stored in a horizontal position;
3. cylinders are positioned on suitable, robust shelves constructed of a non-combustible material;
4. cylinders are always stored at or above ground level and at least three (3) m away from openings which include but not limited to basements, drains, manholes and culverts where vapour might collect;
5. cylinders are stored in such away they are accessible for inspection at all times and that every container is readily removable;
6. cylinders that are full are stored separately from containers that are empty, and both should be stored in clearly demarcated areas; and
7. after filling, each cylinder is checked by weighing or by ullage space determination to ensure that it is still

pleines.

Tous les titulaires de licence de GPL doivent s'assurer que :

1. les soupapes de toutes les bouteilles vides reçues pour le remplissage sont correctement fermées;
2. aucune bouteille n'est stockée dans une position horizontale;
3. les bouteilles sont placées sur des étagères fortes et appropriées construites en matériel incombustible;
4. les bouteilles sont toujours entreposées au niveau du sol ou au-dessus du sol et à au moins trois (3) mètres des ouvertures, notamment les caves, les égouts, les regards et les ponceaux où la vapeur pourrait s'accumuler;
5. les bouteilles sont stockées de telle sorte qu'elles sont accessibles en tout temps pour être inspectées et que chaque récipient est facilement déplaçable;
6. les bouteilles pleines sont stockées séparément des récipients vides, et ils doivent tous être stockés dans des zones clairement délimitées; et
7. après le remplissage, chaque bouteille est vérifiée par pesage ou par détermination de l'espace vide pour s'assurer qu'elle est

hamenyekane niba icupa rigifite ibipimo byanditseho.

within the appropriate mass indicated on the cylinder.

toujours dans les limites du poids approprié indiqué sur la bouteille.

**Ingingo ya 19: Kwandika no kwemeza bundi bushya amacupa ya gazi**

**Article 19: Registration and re-validation of LPG cylinders**

**Article 19 : Enregistrement et revalidation des bouteilles de GPL**

Abahawe impushya za gazi bose bari mu bikorwa by'ubucuruzi bw'amacupa basabwa kwandika amacupa yabo yose.

All LPG Licensees involved in cylinder business are required to register all their cylinders.

Il est demandé à tous les titulaires de licence de GPL impliqués dans l'industrie des bouteilles d'enregistrer toutes leurs bouteilles.

Icupa ryose rishya ritumijwe hanze y'igihugu rigomba kugenzurwa n'urwego rubifitiye ububasha kugira ngo rwemeze uburemere bwaryo mu gihe ririmo ubusa (uburemere bw'amacupa arimo ubusa).

Every imported new cylinder shall be checked by the competent authority to confirm its tare weight (weight of empty cylinders).

Chaque nouvelle bouteille importée est vérifiée par l'autorité compétente pour confirmer son poids à vide (poids des bouteilles vides).

Abahawe impushya bose bagomba, buri myaka icumi (10), kwemeza bundi bushya amacupa yose yanditswe ku mazina yabo, bigakurikiranwa kandi bikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.

All Licensees shall re-validate every ten (10) years all cylinders registered under their names with the supervision and certification of a competent authority.

Tous les titulaires de licence doivent revalider tous les dix (10) ans les bouteilles enregistrées sous leurs noms sous la supervision et avec la certification de l'autorité compétente.

Igihe cyo kwemeza bundi bushya kigomba kugabanyuka kikaba imyaka itanu (5) iyo icupa rya gazi rimaze imyaka irenga makumyabiri (20).

Re-validation period should decrease to 5 years when the LPG cylinder age is more than 20 years' old.

La période de revalidation s'abaisse à 5 ans lorsque l'âge de la bouteille de GPL est supérieur à 20 ans.

**Ingingo ya 20: Kongera gusuzuma amacupa**

**Article 20: Reassessment of cylinders**

**Article 20: Réévaluation des bouteilles**

Amacupa ashyizwe ku ruhande agomba gusuzumwa n'umuntu ubifitiye ubushobozi kugira ngo yemeze niba akwiriye kuzuzwamo gazi cyangwa agomba gutunganywa cyangwa kujugunywa.

Cylinders that have been set aside shall be examined by a competent person who shall decide whether they are suitable for filling or shall be sent for reconditioning or rejected.

Les bouteilles mises de côté doivent être examinées par une personne compétente pour décider si elles sont appropriées au remplissage ou doivent être renvoyées pour être reconditionnées ou rejetées.

Amacupa ava n'amacupa afite imiyoboro yangiritse cyangwa iva agomba kujugunywa kandi mu buryo butanga umutekano. Imiyoboro iva cyangwa yangiritse igomba gusanwa cyangwa gusimbuzwa.

Leaking cylinders and cylinders with damaged or leaking valves shall be safely vented. Leaking or damaged valves shall be repaired or replaced.

Les bouteilles qui ont des fuites et les bouteilles dont les soupapes sont endommagées ou qui ont des fuites doivent être évacuées en toute sécurité.

Ahava hasudiriye ku macupa hagomba gusanwa bitangiwe uburenganzira n'urwego rubifitiye ububasha.

Cylinder weld leaks shall be repaired as authorized by the competent authority.

La bouteille avec fuite ou endommagées doivent être réparées ou remplacées. Les fuites de soudure des bouteilles doivent être réparées avec l'autorisation de l'autorité compétente.

Iyo amacupa avira ahadasudiriye, impamvu yo kuva igomba gushakwa; hanyuma ayo macupa agomba kujugunywa.

For cylinders leaking through the body other than at a weld, the cause of the leak shall be determined; such cylinders shall then be rejected.

Pour les bouteilles qui font fuite à travers un endroit autre que la soudure, la cause de la fuite doit être déterminée ; ces bouteilles doivent ensuite être rejetées.

Ibigenderwaho kugira ngo amacupa ajugunywe kubera inenge zigaragara afite ateganywa muri RS 129.

Rejection criteria guidelines for physical and material defects on the cylinder shell are specified in RS 129.

Les directives relatives aux critères de rejet à cause des défauts physiques et matériels de la bouteille sont spécifiées dans la RS 129.

**Ingingo ya 21: Ibiranga amacupa ya gazi**

**Article 21: Specifications of LPG cylinders**

**Article 21: Spécifications des bouteilles de GPL**

Amacupa ya gazi yemewe gutumizwa mu mahanga cyangwa gukorerwa mu gihugu agomba kurangwa n'ibi bikurikira :

LPG cylinders allowed for importation or to be manufactured in the country must fulfil the following specifications:

Les bouteilles de GPL autorisées pour l'importation ou la fabrication locale doivent répondre aux spécifications suivantes :

- 1) kugira ibipimo byemewe no kugira imiyoboro ya gazi ihujwe ;
- 2) kugira umuyoboro wa gazi wo kwitabaza mu gihe bibaye ngombwa ufite ibipimo bikwiye;
- 3) kuba akoze mu cyuma cyangwa mu

- 1) meet the standard capacities and fitted with unified valves;
- 2) be with a safety relief unified valve with appropriate dimension;
- 3) be of steel material or composite type.

- 1) avoir les capacités correspondant au standard et être équipé de soupapes unifiées;
- 2) avoir une soupape de sécurité unifiée avec les dimensions appropriées;
- 3) être en acier ou en composite.

byuma by'ubwoko butandukanye.

**Ingingo ya 22: Gushyira ikimenyetso ku macupa, kuyashyiraho ubujeni no gupima uburemere bwayo**

Icupa ryose rigomba kugenzurwa mbere yo kuzuzwa, kugira harebwe niba ibimenyetso bivugwa muri RS 135-4 bigaragara kandi bisomeka neza.

Iyo uwahawe uruhushya rwa gazi amaze kuzuzwa, agomba kureba neza niba umuyoboro wa gazi usanzwe n'uwo kwitabaza mu gihe bibaye ngombwa ifunze neza, kandi yubahirije ibisabwa.

Urwego rubifitiye ububasha rugomba gutunganya iminzani ngo ipime neza nibura kabiri (2) mu mwaka.

**Ingingo ya 23: Gutwara ibintu bishyirwamo gazi**

Gazi iranguzwa cyangwa mu macupa igomba gutwarwa mu modoka yabugenewe ifite ibimenyetso biyiranga.

Imodoka itwara gazi igomba kugaragaza nibura amatangazo abiri (2) yanditse cyangwa yometse neza ku mpande zombi z'imodoka kandi ikagaragaza amagambo akurikira yanditse mu nyuguti nkuru cyangwa ibimenyetso byayo : *uhegereye wapfa-birabujijwe kunywa itabi-birabujijwe gucana umuriro* nk'uko bivugwa mu ibwiriza ry'igihugu ry'ubuziranenge RS 135-2

**Article 22: Cylinder marking, sealing and weigh scale**

Any cylinder must be checked before being filled, to ensure that the markings specified in RS 135-4 are clearly visible and legible.

An LPG Licensee must, upon refilling, ensure that a cylinder valve and safety valve is properly closed, sealed and complies with specifications.

The check-weigh scales must be calibrated by the competent authority at least twice (2) a year.

**Article 23: Transportation of LPG containers**

The transportation of LPG in bulk or in cylinders must be carried out by an appropriate vehicle marked or labelled with the appropriate signs.

The vehicle involved in LPG transportation must display at least two (2) notices painted on or securely attached to both sides of the vehicle and display the following words written in capital letters or the corresponding pictograms: *danger – no smoking – no naked lights* as specified in the national standard RS 135-2.

**Article 22: Marquage, scellage et pesage des bouteilles**

Toute bouteille doit être vérifiée avant d'être remplie, afin de s'assurer que les marques spécifiées dans la RS 135-4 sont clairement visibles et lisibles.

Un titulaire de licence de GPL doit, lors du remplissage, s'assurer qu'une soupape de bouteille et une soupape de sécurité sont correctement fermées, scellées conformes aux spécifications.

Les balances de contrôle de poids doivent être ajustées par l'autorité compétente au moins deux (2) fois par an.

**Article 23: Transport des récipients de GPL**

Le transport de GPL en gros ou en bouteilles doit être effectué par un véhicule approprié marqué ou étiqueté avec les signes appropriés.

Le véhicule impliqué dans le transport de GPL doit arborer au moins deux (2) avis peints ou solidement attachés sur les deux côtés du véhicule et afficher les mots suivants écrits en lettres majuscules ou les pictogrammes correspondants: *danger de mort – défense de fumer – feux nus interdits* tel que spécifié dans la norme nationale RS 135-2.

**Ingingo ya 24: Guhugura abakozi**

Uwahawe uruhushya rwa gazi agomba gukora ku buryo abakozi bakora igenzura, abuzuza gazi n'abakoresha ibikoresho bishyirwamo gazi bahabwa amahugurwa ya tekiniki n'imikorere mu rwego rwo gukoresha amacupa kugira ngo ibyago byo gukomereka, guturika, gufatwa n'inkongi y'umuriro, kubura umwuka no kwangirika kw'amacupa bigabanyuke.

**Ingingo ya 25: Kubika gazi yo kuranguza aho abaguzi baba**

Ibikorwa byose byerekeye kubaka ububiko bwa gazi yo kuranguza aho abaguzi baba bikorwa gusa n'abubatsi bemewe.

Abaguzi bagomba kumenyeshwa impanuka zishobora kubagwirira mu gihe bakoresha gazi, ibikoresho bifasha kurinda umutekano n'uburyo bishyirwaho.

**Article 24: Training of personnel**

The LPG Licensee must ensure that employees carrying out the inspection, filling and handling of containers receive the appropriate technical and practical trainings in cylinder handling to minimize the risk of injury, explosion, fire outbreak, suffocation and damage to the cylinders.

**Article 25: Bulk storage at consumer sites**

All activities related to installation of bulk storage at consumer sites shall be only undertaken by qualified installers.

Consumers must be informed about potential hazards in using LPG and about the safety features of appliances and their installation.

**Article 24: Formation du personnel**

Le titulaire de licence de GPL doit s'assurer que les employés effectuant l'inspection, le remplissage et la manutention des récipients reçoivent les formations techniques et pratiques appropriées pour manipuler les bouteilles afin de minimiser les risques de blessures, d'explosion, d'incendie, de suffocation et de dommages aux bouteilles.

**Article 25: Stockage en gros sur les sites du consommateur**

Toutes les activités en rapport avec l'installation du stockage en gros sur les sites du consommateur ne doivent être entreprises que par des installateurs qualifiés.

Les consommateurs doivent être informés des risques potentiels lors de l'utilisation du GPL et des caractéristiques de sécurité des appareils et de leur installation.

**UMUTWE WA IV : IBIJYANYE  
N'ITANGWA RY'URUHUSHYA RWO  
KUBAKA URUGANDA RWA GAZI  
CYANGWA N'UBUBIKO BWAYO  
N'IRY'UBURENGANZIRA BWO  
KUBIVUGURURA**

**CHAPTER IV: LICENSING REGIME FOR  
INSTALLATION AND AUTHORIZATION  
TO UPGRADE AN LPG PLANT OR BULK  
STORAGE FACILITY**

**CHAPITRE IV: REGIME D'OCTROI DE  
LICENCE D'INSTALLATION ET  
AUTORISATION DE TRANSFORMATION  
D'UNE USINE DE GPL OU  
D'INSTALLATION DE STOCKAGE EN  
GROS**

**Ingingo ya 26: Gusaba uruhushya rwo  
kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko  
bwa gazi yo kuranguza**

**Article 26: Application for an installation  
license of an LPG plant or bulk storage facility**

**Article 26: Demande de licence d'installation  
d'une usine de GPL ou d'une installation de  
stockage en gros**

Umuntu wese ushaka kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza agomba gusaba Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi.

Any person who intends to install an LPG plant or a bulk storage facility shall apply for an LPG plant Installation license to the Regulatory Authority.

Toute personne qui a l'intention d'installer une usine de GPL ou une installation de stockage en gros doit demander une licence d'installation de GPL à l'Autorité de Régulation.

Urwandiko rusaba rugomba gushyikirizwa Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere ruherekejwe n'inyandiko zikurikira :

The Application letter shall be addressed to the Director General of the Regulatory Authority and accompanied by the following documents:

La lettre de demande doit être adressée au Directeur Général de l'Autorité de Régulation et accompagnée des documents suivants :

- a) kopi y'impapuro z'ubutaka zanditse ku izina rya nyiri umushinga;
- b) kopi y'uruhushya rwo kubaka rwatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;
- c) kopi y'icyemezo cy'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije;
- d) kopi y'icyemezo cyo kwandikisha

- (a) a copy of the land documents registered under the project developer name;
- (b) a copy of construction permit issued by the Competent Authority;
- (c) a copy of an environmental impact assessment certificate;
- (d) a copy of a business registration

- a) une copie des documents fonciers enregistrés sous le nom du propriétaire du projet;
- b) une copie du permis de construction délivré par l'Autorité Compétente;
- c) une copie d'un certificat d'étude d'impact environnemental;
- d) une copie du registre de commerce;



Official Gazette n° 43 of 04/11/2019

- |  |   |   |
|--|---|---|
| ubucuruzi;   | certificate;  |   |
| e) ibishushanyo by'uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi biteganywa kubakwa;                            | (e) detailed drawings design of the proposed LPG plant or bulk storage facility;                    | e) la conception détaillée des dessins de l'installation de l'usine de GPL ou d'installation de stockage en gros proposé; |
| f) igihamba cy'uko amafaranga yo gusaba uruhushya yishyurwe nk'uko bivugwa mu mugereka wa E w'aya mabwiriza; | (f) proof of payment of the license application fee as specified in Annex E of this regulation; and | f) la preuve du paiement des frais de demande de licence conformément à l'annexe E du présent règlement; et               |
| g) andi makuru yose yasabwa n'Urwego Ngenzuramikorere.   | (g) any other information as shall be required by the Regulatory Authority.                         | g) toute autre information exigée par l'Autorité de Régulation.   |

Urwego Ngenzuramikorere rumenyeshya uwashyamba icyemezo cyafashwe mu gihe kitarenze minsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi.

The Regulatory Authority shall notify the applicant the decision taken thereof within twenty-one (21) working days.

L'Autorité de Régulation notifie au demandeur la décision prise endéans vingt et un (21) jours ouvrables.

**Ingingo ya 27: Agaciro k'uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

**Article 27: Validity of LPG plant or bulk storage facility installation license**

**Article 27: Validité de la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza rugira agaciro mu gihe cy'imyaka itatu (3).

The LPG plant or bulk storage facility installation license shall be valid for a period of three (3) years.

La licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros est valide pour une période de trois (3) ans.

Iyo igihe uruhushya rumara rufite agaciro kirangiye mbere yo gutangira imirimo yo kubaka, urwo uruhushya ntirugira agaciro kandi usaba asaba uruhushya rushya hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

When the license is expired before starting the installation works, such license shall cease to have effects and the applicant shall apply for a new license in accordance with the provisions of this regulation.

Lorsque la licence expire avant le début des travaux d'installation, cette licence cesse d'avoir des effets et le demandeur doit demander une nouvelle licence conformément aux dispositions du présent règlement.

Igihe cy'inyongera cy'uruhushya rwarangije igihe mu gihe imirimo yo kubaka irimo gukorwa

An extension period for the expired license while construction and installation works are ongoing

Une période de prolongation d'une licence expirée alors que les travaux de construction et

gitangwa hashingiwe ku gihe cy'inyongera cy'icyemezo rwo kubaka.

shall be given based on extension period of construction permit.

d'installation sont en cours doit être accordée en fonction de la période de prolongation du permis de construction.

**Ingingo ya 28: Amafaranga y'uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

**Article 28: LPG plant or bulk storage facility installation license fee**

**Article 28: Frais de la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza ruhabwa uwarusabye amaze kwerekana igihamya ko yishyuye amafaranga y'uruhushya nk'uko bivugwa mu mugereka wa E w'aya mabwiriza.

An LPG plant or bulk storage facility installation license shall be issued to the applicant upon the presentation of proof of payment of the license fee as specified in Annex -E to this regulation.

La licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros est délivrée au demandeur sur présentation d'une preuve de paiement des frais de la licence tels que spécifiés dans l'annexe E du présent règlement.

**Ingingo ya 29: Guhererekanya uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

**Article 29: LPG plant or bulk storage facility installation license transfer**

**Article 29: Transfert de licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Iyo uwahawe uruhushya atangije igikorwa cyo guha undi muntu uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza, uwahawe uruhushya agomba gusaba kubyemerewa n'Urwego Ngenzuramikorere.

In the event that a licensee initiates the transfer of LPG plant or bulk storage facility installation license transfer to another person, the licensee must seek for an approval from the Regulatory Authority;

Lorsqu'un titulaire de licence entreprend le transfert de la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros à une autre personne, le titulaire de la licence doit demander l'approbation de l'Autorité de Régulation.

Uhawe uruhushya afatwa nk'uwasabye uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza. Igihe icyo cyemezo cyo kubaka kimara n'amategeko n'amabwiriza y'uruhushya ntibihinduka.

The transferee shall be considered as the applicant to assume the LPG plant or bulk storage facility installation license. The duration of the above installation license and the license terms and conditions shall remain the same.

Le Cessionnaire est considéré comme le demandeur pour assumer l'usine d'installation de GPL ou d'une installation de stockage en gros. La durée de la licence d'installation ci-dessus et les conditions de la licence restent les mêmes.

**Ingingo ya 30: Ihagarikwa ry’uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Uwahawe uruhushya agomba kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza hakurikijwe ibishushanyo byemejwe n’ibikoresho byo kubakisha byemewe. Iyo atabikoze, Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo kugeza igihe amabwiriza yubahirijwe.

**Ingingo ya 31 : Ivanwaho ry’uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kuvanaho uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza mbere y’uko rurangira iyo rusanze iryo vanwaho ari ngombwa kubera impamvu zikurikira :

- a) guta imirimo yatangiwe uruhushya ;
- b) guha Urwego Ngenzuramikorere ubizi neza amakuru y’ibinyoma cyangwa ayobya mu gihe urwo rwego ruyagusabye cyangwa mu gihe hari ibisabwa mu gukurikirana ibikorwa, gutanga raporo, kugenzura cyangwa gukora ubugenzuzi bw’umutungo ;
- c) iyo uwahawe uruhushya ananiwe gukorana n’Urwego Ngenzuramikorere

**Article 30: Suspension of LPG plant or bulk storage facility installation license**

The licensee must install the LPG plant or bulk storage facility in accordance with the approved design plans, and standardized building material, failing to do it; the Regulatory Authority shall suspend the LPG plant or bulk storage facility installation license until regulation is complied with.

**Article 31: Revocation of an LPG Plant or bulk storage facility installation license**

The Regulatory Authority may revoke the LPG plant or Bulk storage facility installation license before its expiration when it determines that revocation is needed in order to respond to:

- a) abandonment of licensed activities;
- b) submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to the Authority request or in response to monitoring reporting inspection or audit requirements;
- c) failure of the licensee to cooperate with the Regulatory Authority’

**Article 30: Suspension de la licence d’installation d’une usine de GPL ou d’une installation de stockage en gros**

Le titulaire de licence doit installer l'usine de GPL ou l’installation de stockage en gros conformément aux plans de conception approuvés et aux matériaux de construction standard; a défaut de quoi, l'Autorité de Régulation suspend la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'un local de stockage en gros jusqu'à ce que le règlement soit respecté.

**Article 31: Révocation de la licence d’installation d’une usine de GPL ou d’une installation de stockage en gros**

L'Autorité de Régulation peut révoquer la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros avant son expiration lorsqu'elle juge qu'une révocation est nécessaire pour réagir à :

- a) l'abandon d'activités autorisées;
- b) la soumission de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à la demande de l'Autorité ou en réponse aux conditions de suivi, de présentation de rapport, d'inspection ou d'audit;
- c) l'absence de coopération du titulaire de licence avec l'inspection et les audits de

mu igenzura rusange no mu bugenzuzi bw'umutungo ;

- d) iseswa rya sosiyete yahawe uruhushya;
- e) iyo uruhushya rwo kubaka ruvanweho.

inspection and audits;

- d) liquidation of the licensed company; and
- e) revocation of the construction permit.

l'Autorité de Régulation;

- d) la liquidation de la société titulaire de licence; et
- e) la révocation du permis de construction.

**Ingingo ya 32: Gusaba uburenganzira bwo kuvugurura uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Umuntu wese wifuzaga kuvugurura uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza asaba uburenganzira mu nyandiko Urwego Ngenzuramikorere.

Ubusabe bugaragaza intego n'ubwoko bw'amavugurura, bwerekana ibikorwaremezo cyangwa inyubako bigomba kuvugururwa.

Ubusabe bwo kuvugurura uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza bigomba guherekezwa n'inyandiko zikurikira :

- a) Ibaruwa y'ubusabe yandikiwe Umuyobozi Mukuru ;
- b) Kopi y'uruhushya rwo gusana rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha ;
- c) Kopi y'uruhushya rwo gushyira ahantu ibikorwa, niba ari ngombwa ;
- d) Ibishushanyo birambuye byerekeye ivugururwa;
- e) Amasezerano hagati ya nyiri ububiko na

**Article 32: Application for authorization to upgrade an LPG plant or bulk storage facility**

Any person who intends to upgrade an existing LPG plant or a bulk storage facility shall apply in writing to the Regulatory Authority for an authorization.

The application shall describe the purpose and type of upgrading by indicating infrastructures or facilities to be upgraded.

The application for upgrading an LPG plant or a bulk storage facility must be accompanied by the following documents:

- a) an application letter addressed to the Director General;
- b) a copy of the rehabilitation permit issued by the competent Authority;
- c) a copy of installation license where applicable;
- d) detailed designs related to the upgrading;
- e) Agreement between the Bulk

**Article 32: Demande d'autorisation de transformation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Toute personne désireuse de transformer une usine de GPL existante ou une installation de stockage en gros demande par écrit, une autorisation auprès de l'Autorité de Régulation.

La demande doit décrire l'objectif et le type de la transformation en indiquant les infrastructures ou les installations à transformer.

La demande de transformation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros doit être accompagnée des documents suivants :

- a) une lettre de demande adressée au Directeur Général;
- b) une copie du permis de réhabilitation délivré par l'autorité compétente;
- c) une copie de la licence d'installation, le cas échéant;
- d) les conceptions détaillées liées à la transformation;
- e) l'accord entre le propriétaire de

nyiri inyubako yo kuzurizamo gazi mu gihe nyiri inyubako yo kuzurizamo gazi igomba kuvugururwa atandukanye na nyiri ububiko;

- f) Igihamya cyo kwishyura amafaranga y'ubusabe bwo kuvugurura nk'uko bivugwa mu mugereka wa C w'aya mabwiriza.

Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyekanisha icyemezo cyafashwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi.

**Ingingo ya 33: Ubujurire bwerekeye uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo n'uburenganzira bwo kuvugurura**

Iyo usaba atishimiye icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere cyo kumwima, guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya rwo kubaka uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza cyangwa uburenganzira bwo kuvugurura, ashobora kujuririra urukiko rubifitiye ububasha.

Ibyemezo by'Urwego Ngenzuramikorere bigumana agaciro kugeza igihe bikuriweho n'icyemezo ndakuka cy'urukiko kuri ubwo bujurire.

storage facility owner and the filling unit owner in case the filling unit to be upgraded is different from the storage facility owner;

- f) a Proof of payment of application for upgrading as specified in Annex C to this regulation.

The Regulatory Authority shall notify the decision taken thereof within twenty-one (21) working days.

**Article 33: Appeal on LPG plant or bulk storage facility installation license and upgrade authorization matters**

Where the applicant is not satisfied with the decision of the Regulatory Authority refusing to grant the license, suspending or applying revocation of LPG plant or Bulk storage facility installation license or upgrade authorization, he/she may appeal before a competent Court of Law.

The Regulatory Authority decisions shall remain effective until overruled by a final judicial decision on the appeal.

l'installation de stockage en gros et le propriétaire de l'unité de remplissage au cas où le propriétaire de l'unité de remplissage à transformer est différent de celui de l'installation de stockage;

- f) une preuve de paiement de la demande de transformation telle que spécifiée dans l'annexe C du présent règlement.

L'Autorité de Régulation notifie la décision prise endéans vingt et un (21) jours ouvrables.

**Article 33: Recours concernant une licence d'installation d'une usine de GPL ou d'un local de stockage en gros et l'autorisation de transformation**

Lorsque le demandeur n'est pas satisfait de la décision de l'Autorité de Régulation qui refuse d'octroyer, suspend ou révoque la licence d'installation d'une usine de GPL ou d'un local de stockage en gros ou l'autorisation de transformation, il peut faire recours devant une juridiction compétente.

Les décisions de l'Autorité de Régulation restent en vigueur jusqu'à ce qu'elles soient annulées par une décision judiciaire définitive sur le recours.

**UMUTWE WA V: ITANGWA RY'URUHUSHYA RWO GUKOresha URUGANDA RWA GAZI CYANGWA UBUBIKO BWA GAZI YO KURANGUZA**

**Ingingo ya 34: Gusaba uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Umuntu wese ushaka gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza agomba gusaba mu nyandiko Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza.

Usaba agomba kwandikira Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere ibaruwa ibisaba ihekejwe n'inyandiko zikurikira :

- a) iteganyabikorwa ry'imyaka itanu ry'umushinga rigaragaza ibi bikurikira:
  - i. kopi y'amasezerano yanditse yo kuzuza gazi mu macupa hagati y'usaba na nyirikirango cy'igicuruzwa wahawe uruhushya wamuhaye nibura igano y'ubushobizi bwa toni mirongo ine (40) z'amacupa arimo ubusa;
  - ii. igipimo ntarengwa cya gazi ububiko bwa gazi iri mu kirundo bushobora

**CHAPTER V: LICENSING REGIME FOR AN LPG PLANT OR A BULK STORAGE FACILITY OPERATIONS**

**Article 34: Application for an LPG plant or bulk storage facility operations license**

Any person who intends to operate a bulk storage facility or a LPG plant must apply in writing to the Regulatory Authority for an LPG plant or bulk storage facility operations license.

The applicant must submit an application letter to the Director General of the Regulatory Authority accompanied by the following documents:

- a) a 5 years' business plan of the project stating the following:
  - i. a copy of the contract to fill LPG into cylinder between the applicant and a licensed brand owner who has allocated him a minimum capacity of forty (40) tons of empty cylinders;
  - ii. Maximum quantity of LPG, the bulk storage facility can store.

**CHAPITRE V: REGIME D'OCTROI DE LICENCE D'EXPLOITATION D'UNE USINE DE GPL OU D'UNE INSTALLATION DE STOCKAGE EN GROS**

**Article 34 : Demande de licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Toute personne désireuse d'exploiter une installation de stockage en gros ou une usine de GPL doit demander par écrit à l'Autorité de Régulation une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros.

Le demandeur doit adresser une lettre de demande au Directeur Général de l'Autorité de Régulation accompagnée des documents suivants :

- a) un plan d'activités de cinq (5) ans du projet indiquant ce qui suit:
  - i. une copie du contrat de remplissage de bouteille de GPL entre le demandeur et un propriétaire de marque agréé qui lui a attribué une capacité minimale de quarante (40) tonnes de bouteilles vides;
  - ii. la quantité maximale de GPL que l'installation de stockage en gros peut

- |  |  |   |
|--|--|---|
| kwakira.   |  | stocker.  |
| b) icyemezo cy'iringaniza mbanziriza-gipimo ry'umunzani yahawe n'urwego rubifitiye ububasha;                   | b) weighing scale calibration certificate from a competent authority;                          | b) un certificat de calibrage de la balance de pesage délivré par une autorité compétente;                        |
| c) Igihamya ko yishyuye amafaranga yo gusaba icyemezo nk'uko bivugwa mu mugereka wa E w'aya mabwiriza;         | c) proof of payment of the license application fee as specified in Annex E of this regulation; | c) la preuve du paiement des frais de demande de licence tels que spécifiés dans l'annexe E du présent règlement; |
| d) Kopi y'icyemezo cy'ubwishingizi bufite agaciro bw'uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza ; | d) a copy of proof of valid insurance of the LPG plant or bulk storage facility; and           | d) une copie de la preuve d'assurance valide de l'usine de GPL ou de l'installation de stockage en gros; et       |
| e) andi makuru yose yasabwa n'Urwego Ngenzuramikorere.   | e) any other information as shall be required by the Regulatory Authority.                     | e) toute autre information requise par l'Autorité de Régulation.  |

Urwego Ngenzuramikorere rumenyeshya usaba igisubizo ku busabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi.

The Regulatory Authority shall notify the applicant of the outcome of the application within a period not exceeding twenty-one (21) working days.

L'Autorité de Régulation informe le demandeur de la réponse à la demande dans un délai ne dépassant pas vingt et un (21) jours ouvrables.

**Ingingo ya 35: Inshingano ziteganywa n'uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

**Article 35: Obligations under the LPG plant or bulk storage facility operations license**

**Article 35: Obligations en vertu de la licence d'exploitation de l'usine de GPL ou de l'installation de stockage en gros**

Umuntu wese wahawe uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza afite inshingano zikurikira:

Any person licensed to carry out LPG plant or bulk storage facility operations has the following obligations:

Toute personne ayant la licence d'exploiter une usine de GPL ou une installation de stockage en gros a les obligations suivantes:

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 1. kutuzuzwa gazi mu macupa cyangwa kudakoresha ububiko bwa gazi yo kuranguza keretse uwahawe uruhushya ari nyiri igicuruzwa cyangwa afite uburenganzira busesuye bwa nyiri | 1. not fill LPG into cylinders or operate a bulk storage facility unless the licensee is the brand owner or has the express consent of the cylinder brand owner through a written agreement; | 1. ne pas remplir de GPL en bouteilles ou exploiter une installation de stockage en gros à moins que le titulaire de la licence ne soit le propriétaire de la marque ou n'ait le consentement formel du |
|---|--|---|

*Official Gazette n° 43 of 04/11/2019*

- |  |  |  |
|--|--|--|
| ubwoko bw'icupa kandi binyuze mu masezerano yanditse;  |  | propriétaire de la marque de bouteille par un accord écrit;  |
| 2. kutuzuzwa cyangwa kudacuruza gazi ku muntu uranguza adafite uruhushya;  | 2. not fill and sell LPG to a non-licensed wholesaler;   | 2. ne pas remplir et vendre du GPL à un grossiste non agréé;   |
| 3. kwitwararika ko amacupa agomba kuzuzwa yagenzuwe kandi yemejwe bundi bushya hakurikijwe amabwiriza ya ngombwa mu gihe gisabwa;                | 3. ensure that cylinders to be filled have been tested and re-validated in accordance with relevant standards on the required time;    | 3. s'assurer que les bouteilles à remplir ont été testées et revalidées conformément aux normes en vigueur et en temps opportun;                                 |
| 4. gusuzuma nibura kabiri (2) mu mwaka umutekano w'uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo ku birebana n'inkongi y'umuriro;    | 4. to conduct a fire safety assessment of the LPG plant or bulk storage facility at least twice (2) a year;                            | 4. effectuer une évaluation de la sécurité incendie de l'usine de GPL ou de l'installation de stockage en gros au moins deux (2) fois par an;                    |
| 5. kuzuzwa gazi mu macupa yonyine yubahirije Amabwiriza y'igihugu y'ubuziranenge cyane cyane RS135-4;  | 5. only fill LPG into cylinders that conform to National Standard particularly RS 135-4;   | 5. remplir le GPL uniquement dans des bouteilles conformes à la norme nationale, en particulier RS 135-4;  |
| 6. Gusuzuma neza ko amacupa yose yujujwe afite ibipimo bikwiye kandi ko bigaragara inyuma ku icupa;  | 6. ensure that all filled cylinders have accurate net weights and be displayed on the body of the cylinder; and                        | 6. s'assurer que tous les bouteilles remplies ont des poids nets précis et que ceux-ci sont affichés sur la bouteille; et  |
| 7. Gusuzuma neza ko amacupa yose yujujwe afungishije ubujeni bukwiriye;  | 7. ensure that all filled cylinders are fitted with an appropriate seal;   | 7. s'assurer que toutes les bouteilles pleines sont munies d'un sceau approprié;   |
| 8. Iyo bibaye ngombwa, uwahawe uruhushya aha indobanywa ya gazi urwego rubifitiye ububasha kugira ngo rugenzure ko iyo gazi yujuje ubuziranenge. | 8. the licensee shall provide the sample of LPG to the competent authority for standard compliance verification when deemed necessary. | 8. le titulaire de licence fournit l'échantillon de GPL à l'autorité compétente pour une vérification de conformité aux normes lorsque cela est jugé nécessaire. |



**Ingingo ya 36: Agaciro k’uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo rugira agaciro mu gihe cy’imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

**Ingingo ya 37: Amafaranga y’uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo ruhabwa urusabye amaze kwerekana igihanywa ko yishyuye amafaranga y’uruhushya nk’uko bivugwa mu mugereka wa E w’aya mabwiriza.

**Ingingo ya 38: Ivugururwa ry’uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Iyo uruhushya rurangije igihe cyarwo, ushaka uruhushya asaba ko uruhushya ruvugururwa hakurikijwe ibiteganywa n’aya mabwiriza.

Uwahawe uruhushya asaba ko uruhushya ruvugururwa mu gihe cy’iminsi mirongo itatu (30) nibura mbere yuko uruhushya ruriho rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo rurangira.

**Article 36: Validity of an LPG plant or a bulk storage facility operations license**

An LPG plant or a bulk storage facility operations license shall be valid for a period of Five (5) years renewable.

**Article 37: license fee for LPG plant or a bulk storage facility operation**

An LPG plant or bulk storage facility operation license shall be issued to the applicant upon the presentation of proof of payment of the license fee as specified in Annex -E to this regulation.

**Article 38: Renewal of an LPG plant or a bulk storage facility operations License**

When the license is expired, the applicant shall apply for license renewal in accordance with the provisions of this regulation.

The Licensee shall make an application for a license renewal at least thirty (30) working days prior to the expiration of the current LPG plant or a bulk storage facility operation License.

**Article 36: Validité d'une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros est valide pour une période de cinq (5) ans renouvelable.

**Article 37: Frais pour la licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros est délivrée au demandeur sur présentation d'une preuve de paiement des frais de licence tels que spécifiés à l'annexe E du présent règlement.

**Article 38: Renouvellement d'une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Lorsque la licence expire, le demandeur demande le renouvellement de la licence conformément aux dispositions du présent règlement.

Le titulaire de licence fait une demande de renouvellement de licence au moins trente (30) jours ouvrables avant l'expiration de l'actuelle licence d'exploitation de l'usine de GPL ou de l'installation de stockage en gros.

**Ingingo ya 39: Ihererekanya ry'uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Iyo uwahawe uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo aruhaye undi muntu, uwahawe uruhushya asaba ko Urwego Ngenzuramikorere rubyemeza.

Igihe uruhushya rumara n'ibikubiye mu y'uruhushya ntibihinduka.

**Ingingo ya 40: Guhagarika uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Kugira ngo Urwego Ngenzuramikorere rukemure ikibazo cyo kunanirwa kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga uruhushya, ruhagarika uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo.

**Ingingo ya 41: Ivanwaho ry'uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kuvanaho uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi iri mu kirundo mbere y'uko rurangira iyo rusanze iryo vanwaho ari ngombwa kubera impamvu zikurikira:

**Article 39: Transfer of LPG plant or a bulk storage facility operations License**

In the event that LPG plant or a bulk storage facility operation is transferred from the licensee to another person, the licensee shall seek for an approval from the Regulatory Authority;

The duration of the license and the license terms and conditions shall remain the same.

**Article 40: Suspension of an LPG plant or a bulk storage facility operations license**

The Regulatory Authority shall suspend the LPG plant or a bulk storage facility operations license in order to respond to failure to comply with license terms and conditions.

**Article 41: Revocation of an LPG plant or a bulk storage facility operations License**

The Regulatory Authority may revoke a license before its expiration when it determines that revocation is needed in order to respond to:

**Article 39: Transfert d'une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Lorsque l'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros est transférée du titulaire à une autre personne, le titulaire de licence doit demander l'approbation de l'Autorité de Régulation.

La durée et les conditions de la licence restent les mêmes.

**Article 40: Suspension d'une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

L'Autorité de Régulation suspend une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros pour réagir au non-respect des conditions de la licence.

**Article 41: Révocation d'une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

L'Autorité de Régulation peut révoquer une licence avant son expiration lorsqu'elle estime cette révocation est nécessaire pour réagir à :

- |   |  |   |
|---|--|---|
| a) guta imirimo yaherewe uruhushya ;  | a) abandonment of licensed activities;   | a) l'abandon d'activités autorisées;  |
| b) iyo uwahawe uruhushya ananiwe gukorana n'Urwego Ngenzuramikorere mu igenzura rusange no mu bugenzuzi bw'umutungo;  | b) failure of the licensee to cooperate with the Regulatory Authority' inspection and audits;  | b) Defaut du titulaire de coopérer du titulaire de licence avec l'inspection et les audits de l'Autorité de Régulation;   |
| c) guha Urwego Ngenzuramikorere ubizi neza amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya mu gihe urwo rwego ruyagusabye cyangwa mu gihe hari ibisabwa mu gukurikirana ibikorwa, gutanga raporo, kugenzura cyangwa gukora ubugenzuzi bw'umutungo ; | c) submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to the Authority request or in response to monitoring reporting inspection or audit requirements; | c) la soumission de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à la demande de l'Autorité ou en réponse aux conditions de suivi, de présentation de rapport, d'inspection ou d'audit; |
| d) iyo habaye iseswa rya Sosiete;   | d) liquidation of the licensed company;  | d) la liquidation du titulaire de licence de la société;  |
| e) gukomeza kutubahiriza aya mabwiriza n'inshingano ziteganywa n'uruhushya.   | e) persisting in non-compliance to this regulation and license obligations.  | e) la persistance dans le non-respect du présent règlement et des obligations de la licence.  |

**Ingingo ya 42: Ubujurire bwerekeye uruhushya rwo gukoresha uruganda rwa gazi cyangwa ububiko bwa gazi yo kuranguza**

Iyo usaba atishimiye icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere cyo kwanga gutanga uruhushya, ashobora kujuririra urukiko rubifitiye ububasha.

Ibyemezo by'Urwego Ngenzuramikorere bigumana agaciro kugeza igihe bikuriweho n'icyemezo ndakuka cy'urukiko kuri ubwo bujurire.

**Article 42: Appeal on an LPG plant or a bulk storage facility operations License matters**

Where the applicant is not satisfied with the decision of the Regulatory Authority refusing to grant the license, he/she may appeal before a Competent Court of Law.

The Regulatory Authority decisions shall remain effective until overruled by a final judicial decision on the appeal.

**Article 42: Recours concernant une licence d'exploitation d'une usine de GPL ou d'une installation de stockage en gros**

Lorsque le demandeur n'est pas satisfait de la décision de l'Autorité de Régulation refusant d'accorder la licence, il peut faire recours devant une juridiction compétente.

Les décisions de l'Autorité de Régulation restent en vigueur jusqu'à ce qu'elles soient annulées par une décision judiciaire définitive sur le recours.

**UMUTWE WA VI: ITANGWA RY'IMPUSHYA ZO GUTUMIZA GAZI MU MAHANGA, KUYITWARA NO KUYIGEMURA**

**Ingingo ya 43: Ibisabwa muri rusange ku birebana no gutumiza no gutwara gazi**

Umuntu wese ushaka gukora ibikorwa byo gutumiza gazi mu mahanga cyangwa kuyitwara asaba Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga cyangwa kuyitwara.

Ubusabe bwose bw'uruhusya bugomba guherekezwa n'inyandiko zikurikira:

- a) kopi y'icyemezo cyo kwandikisha ubucuruzi;
- b) iteganyabikorwa ry'ubucuruzi ry'imyaka itanu (5) nibura;
- c) kopi z'ibyemezo by'ubwishingizi n'igenzura by'amakamyo agomba gukoreshwa;
- d) icyemezo gifite agaciro cy'iringaniza mbanziriza-gipimo ry'ingunguru ya gazi iri kuri buri modoka;
- e) amakaye yandikwamo ibirebana n'imicungire n'imikoreshereze y'imodoka na makuzungu yayo iyo ihari;

**CHAPTER VI: LICENSING REGIME FOR IMPORTATION, TRANSPORTATION AND DISTRIBUTION OF LPG**

**Article 43: General requirements for Importation and transportation of LPG**

Any person who intends to conduct a business of importation or transportation of LPG must apply for LPG importation or transportation License to the Regulatory Authority.

The application shall be accompanied by the following documents for both types of licenses:

- a) a copy of a business registration certificate;
- b) a business plan of at least five (5) years;
- c) copies of insurances and inspection certificates of trucks or lorries to be used;
- d) a valid certificate of calibration for the LPG tank mounted on each vehicle;
- e) log books for each vehicle and its trailer if applicable;

**CHAPITRE VI: REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR L'IMPORTATION, LE TRANSPORT ET LA DISTRIBUTION DE GPL**

**Article 43: Conditions générales pour l'importation et le transport de GPL**

Toute personne désireuse de mener les activités d'importation ou de transport de GPL doit demander une licence d'importation ou de transport de GPL à l'Autorité de Régulation.

Toute demande de licence doit être accompagnée des documents ci-après:

- a) une copie d'un registre de commerce;
- b) un plan d'activités d'au moins cinq (5) ans;
- c) les copies des assurances et les certificats d'inspection des camions ou camionnettes à utiliser;
- d) un certificat de calibrage valide pour le réservoir de GPL installé sur chaque véhicule;
- e) les carnets de bord pour chaque véhicule et sa remorque, le cas échéant;

- f) igihamya cy'uburyo bwo kugera ku mbuga nziza zihagararamo imodoka;
- g) icyemezo cyo kwishyura amafaranga yo gusaba uruhushya nk'uko ateganywa bivugwa mu mugereka wa E w'aya mabwiriza.

- f) proof of access to a suitable parking yard;
- g) proof of payment of the license application fee as specified in Annex-E of this regulation.

- f) une preuve d'accès au parking approprié;
- g) la preuve du paiement des frais de demande de licence comme prévu à l'annexe E du présent règlement.

Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyesha usaba igisubizo ku busabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi.

The Regulatory Authority must notify the applicant of the outcome of the application within a period not exceeding twenty-one (21) working days.

L'Autorité de Régulation doit informer le demandeur du résultat de demande dans un délai ne dépassant pas vingt et un (21) jours ouvrables.

**Ingingo ya 44: Ibisabwa byihariye byerekeye uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga**

**Article 44: Specific requirements for LPG importation license**

**Article 44: Conditions spécifiques pour la licence d'importation de GPL**

Usaba uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga agomba gutanga hamwe n'izindi nyandiko zivugwa mu ngingo ya 43 y'aya mabwiriza, kopi y'amasezerano afitanye na nyiri ububiko cyangwa icyemezo cyo kugira ububiko bwa gazi kuranguza.

The applicant of LPG importation license shall submit along with other documents stipulated in article 43 of this regulation, a copy of agreement with depots owner, storage facilities or proof of ownership of bulk storage facility.

Le demandeur d'une licence d'importation de GPL doit soumettre, avec les autres documents visés à l'article 43 du présent Règlement, une copie de l'accord avec le propriétaire des entrepôts ou des installations de stockage, ou une preuve de propriété de l'installation de stockage en gros.

**Ingingo ya 45: Inshingano zitenganywa n'uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga**

**Article 45: Obligations under an LPG importation license**

**Article 45: Obligations en vertu d'une licence d'importation de GPL**

Umuntu wahawe uruhushya rwo gutumiza mu mahanga gazi iri mu kirundo agomba guha Urwego Ngenzuramikorere mbere y'umunsi wa 10 w'ukwezi kwa nyuma kw'igihembwe amakuru akurikira:

Any person licensed to import LPG in bulk must submit to the Regulatory Authority before the 10th day the last calendar month of the quarter the following information:

Toute personne ayant la licence d'importation du GPL en gros doit donner à l'Autorité de Régulation avant le dixième jour du dernier mois calendrier du trimestre les informations suivantes:

- a) ingano yose ya toni za gazi yatumijwe;

- a) total quantity in metric tons of LPG imported;

- a) la quantité totale en tonnes métriques de GPL importé;

b) kopi y'amasezerano mashya yagiranye na ba nyiri ububiko cyangwa icyemezo cyo kugira ububiko bwa gazi yo kuranguza.

b) a copy of new agreements with depots owners or storage facilities or proof of new ownership of bulk storage facility.

b) une copie des nouveaux accords avec les propriétaires des entrepôts ou des installations de stockage ou une preuve de la nouvelle propriété d'une installation de stockage en gros.

Umuntu wese wahawe uruhushya rwo gutumiza gazi iri mu kirundo nta muntu yemerewe kuyiha ngo ayigire uretse umuntu ufite uruhushya rwemewe rwo guhunika gazi rwatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere kandi ntiyemerewe kuyiha umuguzi ngo ayikoreshereze.

Any person licensed to import LPG in bulk shall not offer for sale to any person unless such a person is in possession of a valid LPG Storage license issued by the Regulatory Authority or to a consumer for their own use.

Toute personne ayant la licence d'importer du GPL en gros ne doit pas vendre à qui que ce soit excepté une personne possédant une licence valide de stockage de GPL délivrée par l'Autorité de Régulation, ou à un consommateur pour son propre usage.

**Ingingo ya 46: Ibisabwa byihariye byerekeye uruhushya rwo gutwara gazi yo kuranguza**

**Article 46: Specific requirements for license of LPG transportation in Bulk**

**Article 46: Conditions spécifiques pour la licence de transport de GPL en gros**

Usaba uruhushya rwo gutwara gazi agomba gutanga amasezerano yo gutwara agirana n'uwahawe uruhushya rufite agaciro hamwe n'izindi nyandiko zivugwa mu ngingo ya 43 y'aya mabwiriza kugira ngo:

The applicant for LPG transportation license shall submit the transport agreement with a holder of valid license along with other documents as stipulated in article 43 of this regulation for:

Le demandeur de licence de transport de GPL doit soumettre un accord de transport avec un titulaire de licence valide avec d'autres documents comme stipulé à l'article 43 du présent Règlement pour:

- i. Hatumizwe mu mahanga gazi iranguzwa;
- ii. Habeho ububiko bwa gazi iri mu kirundo bukora;
- iii. Habeho icyemezo cyo kugira ububiko (aha ni ho n'umwikorezi agira ububiko).

- i. Importation of LPG in bulk; or
- ii. The Bulk storage facility in operations;
- iii. The Proof of ownership of storage facility (this is where the transporter also owns storage facility).

- i. l'importation de GPL en gros; ou
- ii. l'installation de stockage en gros dans les opérations;
- iii. la preuve de propriété de l'installation de stockage (c'est là que le transporteur possède également une installation de stockage).

Umuntu wese ushaka gukoresha ikamyo atwara gazi adafite remoruki agomba kumenyesha

Any person intending to operate an LPG Bobtails truck shall declare his/her facility to the

Toute personne souhaitant utiliser un camion sans remorque de GPL doit déclarer son local à

ububiko bwe Urwego Ngenzuramikorere kandi akubahiriza ibisabwa byose bivugwa mu ngingo ya 35 n'aya 43 z'aya mabwiriza n'ibisabwa bimaze kuvugwa muri iyi ngingo ariko kandi akubahiriza RS 135-4 na RS 135-2.

Ahantu ho kuzuriza gazi hagombagushakwa maze hakamenyeshwa Urwego Ngenzuramikorere binyuze ku usaba kandi hakubahiriza RS 135-4.

**Ingingo ya 47: Inshingano zijyanye n'ubwikorezi bwa gazi yo kuranguza**

Nta muntu wahawe uruhushya rwo gutwara gazi iranguzwa ugomba kwemerera imodoka ye n'imwe y'ubwikorezi gupakirira cyangwa gupakururira gazi mu bubiko bwa gazi iranguzwa keretse afite uruhushya rufite agaciro rwo gukoresha ububiko bwa gazi iranguzwa ruteganywa n'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 48: Ibisabwa byihariye byerekeye ubwikorezi bwa gazi iri mu macupa**

Usaba uruhushya rwo gutwara gazi agomba gutanga kopi y'amasezerano y'ubwikorezi afite agaciro yagiranye n'uwahawe uruhushya rufite agaciro rwo kuranguza gazi iri mu macupa hamwe n'izindi nyandiko zivugwa mu ngingo ya 43 y'aya mabwiriza.

Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyeshya usaba igisubizo ku busabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21)

Regulatory Authority with all requirements as specified in article 35,43 of this Regulation and the above mentioned requirements in this article but also comply with RS 135-4 and RS 135-2.

The specific filling sites shall be identified and notified to the Regulatory Authority through his application as well as comply with RS 135-4.

**Article 47: Obligation under LPG transportation in Bulk**

No licensed person to transport LPG in Bulk shall permit any of his road transport vehicles to load from or discharge LPG into an LPG bulk storage facility that does not possess a valid bulk storage facility operations license under this Regulation.

**Article 48: Specific requirements for Transportation of an LPG into Cylinders**

The applicant for LPG transportation license shall submit a copy of a valid Transport Agreement with a holder of valid license of wholesale of LPG in cylinders along with other documents as stipulated in article 43 of this Regulation.

The Regulatory Authority must notify the applicant the outcome of the application within a period not exceeding twenty-one (21) working

l'Autorité de Régulation et se conformer à toutes les conditions spécifiées aux articles 35 et 43, du présent Règlement aux conditions mentionnées ci-dessus dans le présent article, mais aussi se conformer à la RS 135-4 et à la RS 135-2.

Les sites de remplissage spécifiques doivent être identifiés et notifiés à l'Autorité de Régulation par le biais de la demande de cette personne et conformément à la RS 135-4.

**Article 47: Obligation relative au transport de GPL en gros**

Aucune personne autorisée à transporter du GPL en gros ne doit permettre à aucun de ses véhicules de transport routier de charger ou de décharger du GPL dans une installation de stockage en gros de GPL à moins qu'il ne possède une licence d'opération valide d'une installation de stockage en gros en vertu du présent règlement.

**Article 48: Conditions spécifiques pour le transport de GPL dans des bouteilles**

Le demandeur d'une licence de transport de GPL doit présenter une copie d'un accord de transport valide avec un titulaire d'une licence valide de vente en gros de GPL en bouteilles accompagnée d'autres documents comme stipulé à l'article 43 du présent règlement.

L'Autorité de Régulation doit informer le demandeur du résultat à la demande dans un délai ne dépassant pas vingt et un (21) jours ouvrables.

y'akazi.

**Ingingo ya 49:** Inshingano ziteganywa n'uruhushya rw'ubwikorezi bwa gazi iri mu macupa

Nta muntu ugomba gukora ubwikorezi bw'amacupa yuzuye gazi arenga atanu (5), mu muhanda, keretse iyo byubahirije amategeko n'amabwiriza by'uruhushya rufite agaciro rwatanzwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Uwahawe uruhushya ntiyemerewe gutwara gazi mu macupa ayivana cyangwa ayijyana ku muntu ukoresha uruganda rwa gazi adafite uruhushya, ku muranguzi udafite uruhushya cyangwa ku mudandaza utabifitiye uburenganzira.

**Ingingo ya 50:** Agaciro k'uruhushya rwo gutumiza mu mahanga no gutwara gazi

Uruhushya rwo gutumiza mu muhanga no gutwara gazi rugira agaciro n'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

**Ingingo ya 51:** Uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga, kuyitwara no kuyigemura

Uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga, kuyitwara no kuyigemura ruhabwa urusaba amaze kwerekana igihamya ko yishyuye amafaranga y'uruhushya nk'uko bivugwa mu mugereka wa E w'aya mabwiriza.

days.

**Article 49:** Obligations under the License of LPG transportation in cylinders

No person shall undertake transport of more than five (5) filled LPG cylinders by road, except in accordance with the terms and conditions of a valid license issued by the Regulatory Authority.

The licensee shall not transport LPG in cylinders from or to a non-licensed LPG plant operator, wholesaler or non- authorized retailer.

**Article 50:** Validity of License for Importation and transportation of LPG

License for Importation and transportation of LPG shall be valid for a period of Five (5) years renewable.

**Article 51:** License fee for importation, transportation and distribution of LPG

A license for importation, transportation and distribution of LPG shall be issued to the applicant upon the presentation of proof of payment of the license fee as specified in Annex -E to this regulation.

**Article 49:** Obligations en relatives a la licence de transport de GPL en bouteilles

Aucune personne ne doit transporter plus de cinq (5) bouteilles de GPL par route remplies que lorsqu'elle est en conformité avec les conditions d'une licence valide délivrée par l'Autorité de Régulation.

Le titulaire de licence ne doit pas transporter du GPL dans des bouteilles en provenance ou à destination d'un exploitant d'une usine de GPL non agréé, d'un grossiste ou d'un détaillant non autorisé.

**Article 50:** Validité de la licence d'importation et de transport de GPL

La licence d'importation et de transport de GPL est valable pour une période de cinq (5) ans renouvelable.

**Article 51:** Frais pour la licence d'importation, de transport et de distribution de GPL

Une licence d'importation, de transport et de distribution de GPL est délivrée au demandeur sur présentation d'une preuve de paiement des frais de licence tels que spécifiés dans l'annexe E du présent règlement.



**Ingingo ya 52: Kongera agaciro k'uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga, kuyitwara no kuyigemura**

Iyo uruhushya rurangije igihe cyarwo, ushaka uruhushya asaba ko uruhushya ruvugururwa hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza.

Uwahawe uruhushya rwo gutumiza, gutwara no gutanga gazi agomba gusaba kongerera agaciro k'uruhushya nibura iminsi mirongo itatu (30) y'akazi mbere yuko uruhushya ruriho ruta agaciro.

**Ingingo ya 53: Ihagarikwa ry'uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga no kuyitwara**

Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga no kuyitwara kugira ngo ruhangane n'ikibazo cyo kunanirwa kubahiriza amategeko n'amabwiriza akubiye mu ruhushya.

**Ingingo ya 54: Gutesha agaciro uruhushya rwo gutumiza gazi mu mahanga**

Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutesha agaciro uruhushya mbere yuko rurangira iyo rusanze iryo vanwaho ari ngombwa kubera impamvu zikurikira:

- a) guta imirimo yaherewe uruhushya ;
- b) iyo uwahawe uruhushya yahombye;

**Article 52: Renewal of License for importation, transportation and distribution of LPG**

When the license is expired, the applicant shall apply for license renewal in accordance with the provisions of this regulation.

Any Licensee for importation, transport, distribution of LPG shall make an application for a license renewal at least thirty (30) working days prior to the expiration of the valid license.

**Article 53: Suspension of license for importation and transportation of LPG**

The Regulatory Authority shall suspend the license for importation and transportation of LPG in order to respond to failure to comply with license terms and conditions.

**Article 54: Revocation of an LPG importation license**

The Regulatory Authority may revoke the license before its expiration when it determines that revocation is needed in order to respond to:

- a) abandonment of licensed activities;
- b) liquidation of the licensed company;

**Article 52: Renouvellement de la licence d'importation, de transport et de distribution de GPL**

Lorsque la licence expire, le demandeur doit demander le renouvellement de la licence conformément aux dispositions du présent règlement.

Tout titulaire de licence d'importation, de transport ou de distribution de GPL doit présenter une demande de renouvellement de licence au moins trente (30) jours ouvrables avant l'expiration de la licence valide.

**Article 53: Suspension de la licence d'importation et de transport de GPL**

L'Autorité de Régulation suspend la licence d'importation et de transport de GPL afin de réagir au non-respect des conditions de la licence.

**Article 54: Révocation d'une licence d'importation de GPL**

L'Autorité de Régulation peut révoquer une licence avant son expiration lorsqu'elle estime qu'une révocation est nécessaire pour réagir à :

- a) l'abandon d'activités autorisées;
- b) la liquidation du de sa société titulaire de

- |  |   |  |
|--|---|--|
| <p>c) guha Urwego Ngenzuramikorere ubizi neza amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya mu gihe urwo rwego ruyagusabye cyangwa mu gihe hari ibisabwa mu gukurikirana ibikorwa, gutanga raporo, kugenzura cyangwa gukora ubugenzuzi bw'umutungo ;</p> <p>d) iyo uwahawe uruhushya ananiwe gukorana n'Urwego Ngenzuramikorere mu igenzura rusange no mu bugenzuzi bw'umutungo ;</p> <p>e) gukomeza kutubahiriza aya mabwiriza n'inshingano ziteganywa n'uruhushya.</p> | <p>c) submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to the Authority request or in response to monitoring reporting inspection or audit requirements;</p> <p>d) failure of the licensee to cooperate with the Regulatory Authority' inspection and audits; and</p> <p>e) persisting in non-compliance to this regulation and license obligations.</p> | <p>licence;</p> <p>c) la soumission de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à la demande de l'Autorité ou en réponse aux conditions de suivi, de présentation de rapport, d'inspection ou d'audit;</p> <p>d) Defaut du titulaire de cooperer licence avec l'inspection et les audits de l'Autorité de Régulation; et</p> <p>e) la persistance dans le non-respect du présent règlement et des obligations relatives de la licence.</p> |
|--|---|--|

**Ingingo ya 55: Ubujurire bwerekeye ibibazo birebana n'uruhushya rwo gutumiza mu mahanga no gutwara gazi**

Iyo usaba atishimiye icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere cyo kwanga gutanga uruhushya, ashobora kujuririra urukiko rubifitiye ububasha.

